

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: KAMPUNDU ANNONCIATTA

School: NYAMABUYE - RUKAZA

Class: ____________ Year ____________

Subject: ____________

KNOWLEDGE IS WEALTH

KAMPUNDU Amnonciatta
Commune Nyamabuye
Secteur Rukaza
Sellule Rucunshu
père : Habineza Pierre
Mère : Niyoyita Margalita.

# UBUHAMYA KUBYAMBAYEHO MUNTAMBARA Y'ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA.

## 1. IBYAMBAYEHO MUNTAMBARA YO MURI MATA. 1994.

Kuva HABYARIMANA yamara gupfa ubwo ni nyuma gato y'urupfu rwe nko mu matariki 20 y'ukwakane ababantu bo mu gace kiwacu batangiye badusengera ngo turi ibyitso, banya amatungo basahura n'ibyacu byose.

## AHO NAHUNGIYE.

Ubwo narabanje ndara mu gihuru, nyuma yaho mfata inzira ndagenda ngana kwa nyogokuru i mbare. Mageze mu nzira ngenda nyauriza n'umugabo wari kuri bariyeli i mukoni anyambura amafaranga nari mfite aranankubita ngo nikigendere kizagwe ahandi.

Aho kwa nyogokuru twararaga mu rutoki bakatworosa ibishangara imvura ikatunyagira ibitero bikajya biza kudushakira mu nzu bikatubura.

Ubwo jyewe aho nari nihishe baje kumbona, igihe bagiye kunyica maramwe abaguriira inzoga barandeka abaha ~~jama~~ n'amafaranga baragenda.

ABO MU MURYANGO WANJYE BAPHUYE

- Ba data wacu:
- Ba masenge
. n'abandi dufitanye isano. Bose hamwe ni abantu 39 simiri-we ndondora amazina yabo.

UKO BAPFUYE N'AHO BABAHAMBYE.

Bapfuye kuburyo butandukanye:
- Bamwe babahambye mu birobo bacukuyemo amatafali bubaka amaz
. abandi babahambye babona;
- abandi babajugunye mu migezi rane
- abandi barabatemaguye.

ABABISHE:

Bishwe n'ibitero bituruka i Musumba n'i Rwamaraba bafatanyije n'aba nyarukaza b'abaturanyi; n'abandi kuri za baliyeli.

IBYO BABICISHIJE

- Amabuye y'amatafali babatera mu mitwe
- imihoro
- amafuni
- Bari mu bishwe babahambye babona babashyira mu rwobo bataratabika.
-

ICYITONDERWA:

Uyu muryango wanjye wazize cyane aba bakurikira:

1. Docteur Semabinga: yavuraga abakomeretsaga bajya gutema abantu.

2. Interahamwe kufunsi murumuna wa Semabinga.

3. Rusiponzabugre Viateur umuhungu wa Pasikali

4 Nirere Pasikali; ise wa Viateur

5. Biniginpala petero: wavumburaga abihishe.

6. Umubazi w'inka: witwa Sibomana François.

7. Umuhungu we Varisiti

8. Nyandwi Emmanuel

9 n'abandi benshi

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.